Copie Théogène

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO N'UMUCO**
**B.P. 1044 KIGALI.**
**TEL : (250) 8 3527**
**FAX : (250) 8 3518**

**Kigali, ku wa** 9/3/1999

**N°**1048/21.3.0

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe
**KIGALI.**

**IMPAMVU** : Gusaba urupapuro rw'ubutumwa mu mahanga.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe,

Tunejejwe no kubasaba urupapuro rw'ubutumwa rw'intumwa y'u Rwanda izajya mu nama y'ibihugu by'Afurika biri munsi y'ubutayu bwa Sahara izabera i Bangui (République Centrafricaine) kuva ku wa 23 kugeza ku wa 26 Werurwe 1999 ku buryo bwo gushyira mu bikorwa amasezerano yerekeye uburenganzira bw'umutungo bwite mu by'ubuhanga bushingiye ku bucuruzi.

Intumwa izahagararira u Rwanda ni :

- Bwana MUNYAZIKWIYE Théogène, ushinzwe iterambere ry'ubugeni, ubwanditsi, uburenganzira bw'umuhanzi n'ubundi bubangikanye n'ubw'umuhanzi muri Minisiteri nyobora.

Inyandiko-nyibutsa irebana n'iby'iyo nama yometse kuri iyi baruwa.

Kubera gahunda y'iyo nama n'uburyo bwo kugenda, biteganijwe ko iyo ntumwa yava i Kigali ku wa 21 Werurwe ikagaruka ku wa 27 Werurwe 1999.

Ibikenewe byose muri ubwo butumwa bizatangwa n'Umuryango Mpuzamahanga ushinzwe umutungo bwite mu by'Ubuhanga (OMPI/WIPO) ufatanije n'Umuryango Mpuzamahanga w'Ubucuruzi (OMC/WTO).

Tubifurije, Nyakubahwa Bwana Minisitiri, ishya n'ihirwe.

**Faransisiko NGARAMBE**
Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.

P.O Barikana Eugène
Secrétaire général

**Binyujijwe kandi byemejwe na** :

**Ismaël AMRI SUED**
Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane bw'Akarere

**Bimenyeshejwe** :

- Nyakubahwa Bwana Perezida wa Repubulika y'u Rwanda **KIGALI**.
- Nyakubahwa Bwana Visi-Perezida akaba na Minisitiri w'Ingabo **KIGALI**.

**INYANDIKO- NYIBUTSA KU NAMA IBIHUGU BY'AFURIKA BIRI MUNSI Y'UBUTAYU BWA SAHARA KU BURYO BWO GUSHYIRA MU BIKORWA AMASEZERANO KU BURENGANZIRA BW'UMUTUNGO BWITE MU BY'UBUHANGA BUSHINGIYE KU BUCURUZI.**

*BANGUI( RCA) KUVA KUWA 23 KUGEZA KUWA 26 WERURWE.*

1- **Uko ubutumwa buteye.**

Hakurikijwe ibyagezweho mu mishyikirano ya URUGWAY ROUND ibihugu byinshi byashyize umukono, kuwa 15 Mata 1994, ku masezerano ya MARRAKECH ashyiraho UMURYANGO MPUZAMAHANGAW'UBUCURUZI ( OMC/ WTO). Uyu muryango niwo wasimbuye amasezerano rusange yerekeye amahoro n'ubucuruzi GATT. Ibihugu byali muli GATT kandi bigashyira umukono ku masezerano ya MARRAKECH bili muli uyu muryango. U Rwanda narwo ruri mu muryango Mpuzamahanga w'ubucuruzi.

Amasezerano yitwa « Amasezerano ku burenganzira bw'umutungo bwite mu by'ubuhanga bushingiye ku bucuruzi »(Accord sur les ADPIC/TRIP'S AGREEMENT) ni umugereka 1c (annexe 1c ) ku masezerano ya MARRAKECH ashyiraho umuryango Mpuzamahanga w'ubucuruzi. Aya masezerano(annexe 1c) akaba ariyo azagibwaho ibiganiro mu nama y'ibihugu by'Afurika biri munsi y'ubutayu bwa Sahara.

Iyi nama igamije guha ibihugu by'Afurika biri mu Muryango Mpuzamahanga w'Ubucuruzi umwanya wo kurebera hamwe no kungurana ibitekerezo ku buryo bwiza bwo kulinda umutungo bwite mu by'ubuhanga n'ingamba zafatwa ngo ubwo bulindwe bushyirwe mu bikorwa hagamijwe kubahiriza amasezerano ku burenganzira bw'umutungo bwite mu by'ubuhanga bushingiye ku bucuruzi. Abazajya muli iyi nama bazasuzuma banonosore ingingo rusange z'aliya masezerano. Bazasuzuma kandi ingingo z'ayo zihariye zireba uburenganzira bw'umuhanzi(Droit d'auteur/copyrights) n'ingingo zihariye zireba uburenganzira ku mutungo bwite mu by'inganda(Droit de propriété industrielle /Industrial Property Rights) n'uburyo ubwo burenganzira bwombi bwakubahirizwa.

**2.Icyo inama yamarira u Rwanda.**

Iyi nama yateguwe kandi izayoborwa N'UMURYANGO MPUZAMAHANGA USHINZWE UMUTUNGO BWITE MU BY'UBUHANGA(OMPI /WIPO) ufatanije n'umuryango mpuzamahanga w'ubucuruzi (OMC /WIPO)Umuryango OMPI /WIPO ni umwe mu miryango 16 ishamikiye ku muryango w'abibumbye.Urwego rwawo rushinzwe ubutwererane mu by'amajyambere rutera inkunga ibihugu bitaratera imbere muri ibi bikurikira :

1)Kwigisha no guhugura abakozi mu bumenyi bureba kurinda uburenganzira bw'umuhanzi n'uburenganzira bw'umutungo bwite mu by'inganda.

2)Gufasha gushyiraho gushyiraho amategeko n'inzego zishinzwe kurengera uburenganzira bw'umuhanzi n'ubw'umutungo bwite mu by'inganda.

3)Gufasha ibyo bihugu kubona tekinoloji ku buryo bworoshye kandi buhendutse.

4)Guteza imbere ubuhanzi n'ubushakashatsi mu bya tekiniki.

Umuryango Mpuzamahanga ushinzwe umutungo bwite mu by'ubuhanga (OMPI/WIPO) n'umuryango Mpuzamahanga w'ubucuruzi(OMC/WTO) yiyemeje gutera inkunga mu rwego rwa tekinike n'amategeko ibihugu bitaratera imbera mu majyambere ngo bibashe kubahiriza amategeko n'amahame agenga ubucuruzi mpuzamahanga cyane cyane ubucuruzi bw'ibihangano by'abahanzi n'ubw'umutungo bwite mu by'inganda.

Ni muli urwo rwego OMPI/WIPO ifatanije na OMC/WTO yatumije iyi nama ngo ibihugu by'Afurika bisobanukirwe amahame akubiye muli uriya mugereka 1c kandi bibashe kuyashyira mu bikorwa.

Iyi nama yagirira rero akamaro u Rwanda muli ibi bikurikira :

1o Gusobanukirwa amahame mpuzamahanga agenga ubucuruzi bw'ibihangano by'abahanzi n'ubw'umutungo bwite mu by'inganda.

2o Gushyiraho inganda zo kubahiriza ariya mahame bitabangamiye ko igihugu kibona tekinoloji gikeneye ngo gitere imbere.

3oKungurana inama n'ibindi bihugu by'Afurika byo munsi ya Sahara ku buryo bwo guteza imbere ubukungu bwabyo hubahilizwa amategeko mpuzamahanga agenga ubucuruzi bw'ibihangano n'ubw'umutungo bwite mu by'inganda.

Iyi miryango niyo izishingira intumwa y'u Rwanda ishinzwe uburenganzira bw'umuhanzi.

Bikorewe i Kigali, kuwa 5 Werurwe 1999

MUNYAZIKWIYE Théogène

- OMPI : Organisation Mondiale de la Propriété Intellectuelle
- WIPO : World Intellectual Property Organisation
- OMC : Organisation Mondiale du Commerce
- WTO : World Trade Organisation
- Accord sur les ADPIC : Accord sur les aspects des droits de propriété intellectuelle touchant au commerce/ TRIP'S Agreement : Agreement on Trade-related aspects of Rights of Intellectual Property